

ITANGWA RY'AMASAKRAMENTU MU KIGO NGORORAMUCO CYA IWAWA

Hari kuwa 30 Mutarama 2019, ubwo ahagana ku isaha ya saa mbiri n'igice za mugitondo, Abasaseridoti bagera kuri batandatu bakorera ubutumwa muri Doyenné ya Murunda, Kibuye na Nyundo bari kumwe n'umwe mu bakateshiste ubarizwa muri Paruwasi ya Congo- Nil, akaba ari nawe ndetse utegura abifuza amasakramentu baba ku Iwawa, bahagurutse berekeza ku kirwa kizwi ku izina rya Iwawa, mu muhango w'itangwa ry'amasakramentu.

1. Mbere ya Missa

Bakigerayo, bakiriwe n'ubuyobozi bw'ikigo ndetse n'abamwe mu rubyiruko ruhaba. Umuhango nyirizina wabimburiwe n'inyigisho yatanzwe na Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Congo-Nil, Padiri Modeste MURAGIJIMANA, aho yongeye gukangurira urubyiruko ruba ku IWAWA gukomeza kwhatira guhinduka nka Pawulo nk'uko bigaragara mu magambo usanga buri wese mu bari ku Iwawa yarafashe ku mutima: **Uwari Sawuli yahindutse Pawulo.** Ni byo koko: «**Guhinduka birashoboka**».

Nyuma y'inyigisho, habayeho gususurutsa urubyiruko maze Padiri Jean François UWIMANA ukorera ubutumwa muri Paruwasi ya KORA atanga ubutumwa abinyujije mu ndirimbo ze nka **Twigendere, Mwami ubasumba**,.... Mu ijambo yababwiye, yabasabye kumenya guhuza neza ubuzima bwabo n'ibyo bakora. Yaragine ati: «*Ubuzima bwanyu mubukoreshe mubibafitiye akamaro aho kubukoresha mu bibangiza cyangwa mu bibashyira mu kaga*». Mu gihe hatangwaga inyigisho ndetse no gususurutsa imbagu, abiteguye (abagombaga guhabwa amasakramentu ndetse n'abandi babyifuje) bahawe isakramentu ry'imbabazi, bigorora n'Imana, nabo ubwabo ndetse n'abagenzi babo.



2. Mu Missa

Nyuma hakurikiyeho Igitambo cy'Ukaristiya cyayobowe na Padiri Modeste MURAGIJIMANA. Mu nyigisho ye, yagarutse kuri Roho Mutagatifu asaba buri wese, ariko cyane cyane abari bagiye guhabwa Isakramentu ry'Ugukomezwa, guharanira iteka ryoze kuyoborwa na We. Yakomoje no ku yandi masakramentu, asoza asaba buriwese kudacika integer mu gusabira abahawe amasakramentu. Mu gitambo cy'Ukaristiya, hatanzwe amasakramentu y'ibenze (Batisimu, Ukaristiya ya mbere ndetse n'Ugukomezwa) hanakomorerwa bamwe mu bari barifungiye amasakramentu. Igitambo cy'Ukaristiya cyakomeje uko bisanzwe kandi inyigisho n'umugisha byaronkewe mu masakramentu twizeye ko bizabagirira akamaro. Abahawe Amasakramentu bose bahawe ndetse n'urwibutso rw'ishapure n'umudari, ikimenyetso cyo kubaragiza Umubyeyi Bikira Mariya, Umwamikazi wa Kibeho.

3.Nyuma ya Missa

Nyuma y'Igitambo cy'Ukaristiya cyahumuje ahagana ku isaha ya saa cyenda, habayeho umwanya wo kuganira ku mpande zombi: ubuyobozi bwa Iwawa ndetse n'abasaseridoti:

-Kuruhande rw'ubuyobozi bwa Iwawa, hifujwe ko abakristu bashishikarizwa kwakira (intégration) y'abasoje amahugurwa bakababonamo abavandimwe aho kubafata nk'abanzi. Hirindwe ijambo: *Cya gisambo kiragarutse*. Bumve ko bahindutse.

-Ku rundi ruhande (abapadiri), hijejwe ubufatanye kandi hemezwa ko bazagerageza kubibwira no kubisobanurira abakristu kandi twizeye ko bizakunda. Hatanzwe umugisha usoza, nyuma dusezeranaho.

4. Umusozo

Twabibutsa ko ikirwa cya Iwawa giherereye mu Karere ka Rutsiro, Umurenge wa Boneza. Ikenurabushyo ryaho, ryitabwaho ku buryo bw'umwihiariko na Paruwasi ya Congo- Nil ifatanyije na Paruwasi zigize Doyenné yaNyundo n'iya Kibuye. Ubu kuri icyo kirwa harabarirwa abasaga ibihumbi bine. Dukomeze tubasabire.

Padiri KARASIRA Fidèle, ukorera ubutumwa muri Paruwasi ya MURUNDA